

# Ifishi y'iyamamazabuhinzi yateguriwe abahinzi



## UBUHINZI BW'IBIRAYI

| GUFUMBIRA | | IBIPIMO BY'IFUMBIRE | IKORESHWA RYARI ? | IKORESHWA GUTE ? |
|---|---|---|---|---|
| **Niba ubutaka busharira, shyiramo ishwagara** |  | Koresha ibiro 30 by'ishwagara inoze kandi yumutse kuri Ari imwe buri myaka ibiri | Nibura ibyumweru bine mbere yo gutera | Yinyanyagize mu murima uhite urenzaho igitaka |
| **Ifumbire y'imborera** |  | Koresha ibiro 100 by'ifumbire = udutebo tune (4) tw'ifumbire y'imborera | Igihe cyo gutera | Mu kobo |
| **Ifumbire mvaruganda fatizo** |  | Koresha ibiro 3 bya NPK 17-17-17 kuri Ari 1 | Igihe cyo gutera | Mu kobo |



*Ari 1 = m 10 x m 10*

IFDC CATALIST

*__Icyitonderwa__. : Ibipimo bishobora guhinduka. Iby'ishwagara bitewe n'uburyo inoze, ubuherere bwayo n'ikigero cy'ubusharire bw'ubutaka. Iby'ifumbire y'imborera n'imvaruganda bitewe n'uko ubutaka bwarumbukaga. Tera kuri cm 75 hagati y'imirongo na cm 30 hagati y'utwobo. Buri kobo ushyiremo ikirayi 1. Ari 1 isaba ibiro 20-25.*

# Ifishi y’iyamamazabuhinzi yateguriwe abahinzi

## INDWARA N’IBYONNYI BY’INGENZI

| INDWARA | IBIZIRANGA | UKO BAZIRINDA | UKO BAZIVURA | IBIPIMO BIKORESHWA |
|---|---|---|---|---|
| **Indwara y’imvura** |  | - Koresha imbuto z’indobanure ;<br>- Kurandura ibirayi bimera mu murima nyuma yo gusarura ;<br>- Ubahiriza igerambuto riteganywa ;<br>- Kata ibirayi byo hejuru iyo bitangiye kwera ;<br>- Simburanya neza imyaka mu murima : ibirayi ntibisimbura mu murima inyanya, intoryi, puwavuro, urusenda cyangwa ibirayi. | Umuri wica uduhumyo :<br>Ridomili (Ridomil) 58 PM<br>*cyangwa*<br>Umuri wica uduhumyo :<br>Ditane (Dithane) M45 | Vanga garama 20 z’umuti na litiro 20 z’amazi, utere Ari 1 buri bvumweru 2<br><br>Vanga garama 50 z’umuti na litiro 20 z’amazi, utere Ari 1 |
| **Kirabiranya** |  | - Randura ibyafashwe ubitabe kure y’umurima ;<br>- Randura ibirayi bimera mu murima nyuma yo gusarura ;<br>- Koresha imbuto y’indobanure ;<br>- Simburanya neza imyaka mu murima : ibirayi ntibisimbura mu murima inyanya, intoryi, puwavuro, urusenda cyangwa ibirayi. | Nta muti | Nta muti |
| **Ubuhunduguru** |  | - Koresha imbutro y’indobanure ;<br>- Randura ibirayi bimera mu murima ;<br>- Bagarira ibyafashwe. | Umuti wica udukoko :<br>Dimetowate (Dimethoate) 40 EC | Vanga ml 10 z’umuti (udufuniko 2 tw’icupa rya Fanta) na litiro 10 z’amazi, utrere Ari 1 |
| **Inanda** |  | - Tegura umurima imvura igitangira kugwa ;<br>- Bagara, usukira kandi umenere ;<br>- Zishakishe mu butaka uzice. | Umuti wica udukoko :<br>Durisiba (Dursban) 48 EC | Vanga ml 10 z’umuti (udufuniko 2 tw’icupa rya Fanta) na litiro 10 z’amazi, utere Ari 1 |

***Ari 1 = m 10 x m 10***

IFDC CATALIST